AMATSINDA Y'ABANA PARUWASI STELLA MARISI/GISENYI BASUYE UMWEPISIKOPI BAMWIFURIZA YUBILE NZIZA

Tariki 13/08/2017 ahagana mu masaha ya saa kumi n'igice 16h30 nibwo abana bagera kuri 700, bibumbiye mu matsinda y'abana ba paruwasi ya Gisenyi baje kwifuriza Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yubile nziza y'Ubusaseridoti. Babitekereje mu gihe Kiliziya Gatolika mu Rwanda iri mu mwaka wa Yubile y'imyaka ijana y'Ubusaseridoti. Mu ijambo rye umwana uhagarariye abandi yashimiye Umwepisikopi ko abitaho kandi ko yabahaye abasaseridoti babitaho nabo bagahabwa umwanya muri Liturujiya, kandi bakigishwa umwanya bafite muri Kiliziya y'ejo hazaza. Bamwifurije Yubile nziza y'imyaka ijana y'Ubusaseridoti mu Rwanda. Yarangije kandi ashyikiriza impano bageneye Umwepisikopi wacu nk'Umubyeyi ubahoza ku mutima.

Byumwihariko kandi baje kwifatanya n'Umwepisikopi wa Diyosezi ya Nyundo gushimira Imana kubera Abasaseridoti 12 bashya Diyosezi yacu yungutse muri uyu mwaka wa Yubile y'imyaka ijana y'Ubusaseridoti muri Kiliziya Gatolika mu Rwanda. Baje baherekejwe n'abarezi babo bari kumwe na Padiri BARIGORA Jean de Dieu ushinzwe amatsinda y'abana muri Paruwasi ya Gisenyi.

Nyuma yo kubaganiriza abasobanurira amateka ya Diyosezi yacu,
Nyiricyubahiro Musenyeri yakomeje ababwira ko bagomba kuba abana bakura

banyuze Imana n’abantu nk’Umwana Yezu. Kandi ko aribo mbaraga za Kiliziya n’Igihugu cyacu.

Yarangije abaragiza Umubyeyi Bikira Mariya agenera buri mwana n’abarezi babo impano y’Ishapule.

Yarangije ashimira abarezi b’abana ba Paruwasi ya Gisenyi, ashimira n’ababyeyi babo babohereje. Abaha Umugisha bamaze kumwereka ibirori bamuteguriye.

Padiri Jean Marie KWIZERA